**TTB KIN 1286**

# TUMENYE BIBILIYA

## IKIGANIRO: 1286

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize nakubwiye ibyerekeranye n'ingoma y'imyaka igihumbi

Uyu munsi, ndakubwira ibizabaho ku mpera y'ingoma y'imyaka igihumbi

## ABERA BO MU GIHE CY'IBYAGO BIKOMEYE BIMANA NA KRISTO MU GIHE CY'IMYAKA IGIHUMBI

**Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi.**

**Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira.**

**Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana na yo iyo myaka igihumbi. [Ibyahishuwe 20:4–6].**

*Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi. Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira. Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana na yo iyo myaka igihumbi..*

Mu gihe cy'ibyago bikomeye, benshi bazapfa bazira Kristo, ario bazongera babeho kandi bimane na Kristo ingoma y'imyaka igihumbi. Abera bo mu gihe cy'amakuba akomeye ibyo batakoze mu myaka itatu n'igice bazabikora mu myaka igihumbi. Navuga ko kizaba ari igihe cyabo cyo kwishima. Iyo myaka itatu n'igice izababera mibi cyane, ariko imyaka igihumbi izababera myiza—tekereza kubana no gutegekana na Kristo mu isi!

Ubu buhanuzi bumeze kimwe n'ubundi buhanuzi bwo mu Ibyanditswe, kuko muri 2 Petero 1:20 havuga ngo: "Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye," ni ukuvuga ko udashobora gufata umurongo w'Ibyanditswe ngo uremamo imyizerere wishakiye; ahubwo ugomba kuwuhuza n'ibindi Byanditswe. Uyu murongo usobanuwe neza nk'uko bikwiye ubasha kumvikana, kandi ugakwira mu buhanuzi twakomeje gukurikirana. Kutabikora gutyo waba watandukiriye. Gufata imirongo yose y'Ibyanditswe ukayishyira mu mwuka aho kuyivuga uko iri, bitakaza ubusobanuro bw'iyo mirongo kandi bigapfobya ubusobanuro bw'Ibyanditswe byose.

Intebe batubwira hano ni intebe nyazo; abahowe Imana ni abahowe Imana nyabo; Yesu ni Yesu nyawe; Ijambo ry'Imana ni Ijambo ry'Imana nyaryo; Inyamaswa ni Inyamaswa nyayo; igishushanyo ni igishushanyo nyacyo; ikimenyetso cy'Inyamaswa ni ikimenyetso nyacyo; imyuka y'abaciwe ibihanga ni imyuka nyayo; n'imyaka igihumbi ni imyaka igihumbi nyayo. Ibivugwa hano byose ni ibintu bya nyabyo bizabaho. Imyaka igihumbi isobanura imyaka igihumbi. Iyo Imana ishaka kuvuga igihe cy'iteka ryose, ntekereza ko yari kubivuga. Iyo ishaka kuvuag imyaka magana atanu yari kuyivuga. Ese Imana ntibasha gusobanura neza ibyo ivuga? Cyane rwose irabibashije, ni uko rero niba yaravuze imyaka igihumbi, ni uko nyine yasobanuraga imyaka igihumbi.

Ijambo ry'Ikigiriki rivuga "umuzuko" ni *anastasei*, bisobanura "guhaguruka, cyangwa kuzuka k'umubiri." Biragoye cyane ko umwuka wahagarara ni yo mpamvu abashyira mu mwuka ibivugwa hano baba batakaje umurongo badatandukanye n'abatubwira ko umwuka wahagarara! Iri ni naryo jambo Pawulo yakoresheje mu 1 Abakorinto 15 avuga ku kuzuka kwa Kristo n'abizera.

“Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho” iyi ni imvugo idasobanutse nez. Abavugwa hano ni bande? Njyewe ntekereza ko arabazazuka bwa mbere, barimo abizera bo mu bihe byose.

Umuzuko wa mbere utangirana n’umuzuko wa Kristo. Maze ukazakurikirwa n’umuzuko w’abagize Itorero rya Kristo (mu gihe cyo kuzamurwa)—mbere y’igihe cy’amakuba akomeye (ibyo wabisoma mu Ibyahishuwe 4). Ku mpera y’igihe cy’amakuba akomeye hazabaho umuzuko w’abera bo muri icyo gihe cy’ibyago bikomeye (“imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo”) hamwe n’abera bo mu isezerano rya kera (ibyo wabisoma muri Daniyeli 12:1–2). Iyi mizuko maze kuvuga ni nk’akarasisi. Kristo, Imfura yo kuzuka ni we uzayobora ako karasisi.

Byaba ari ibitekerezo biciriritse kwibwira ko igihe isi izaba irangiye, Yesu azaza maze abapfuye bakazurwa, maze ashyire abeza ku ruhande rumwe n’ababi ku rundi ruhande, nuko bose binjire mu gihe cy’iteka ryose, birangirire aho.

Nshuti yanjye, Imana ikurikira gahunda yayo ihamye; ifite gahunda kandi iyikurikirana neza cyane.

Abera bo mu gihe cy’ibyago bikomeye hamwe n’abera bo mu isezerano rya kera bazimana na Kristo. Nemera ko Dawidi azaba yungirije Kristo. Itorero, ari ryo Mugeni we rizaba muri Yerusalemu nshya aho rizimana na Kristo muri uwo mwanya mwiza cyane, uzaruta ahandi hose Imana yaremye. Kristo azahindura Yerusalemu ya kera kuba Yerusalemu nshya. Kandi ntekereza ko Itorero rizabasha gutembera riva mu ijuru riza mu isi cyangwa riva mu isi rijya mu ijuru.

Abisraeli benshi n’abanyamahanga benshi bazinjira muri ubwo bwami bw’imyaka igihumbi bambaye umubiri usanzwe, badapfuye. Abo ni ukuvuga abazavuka mu gihe cy’ingoma y’imyaka igihumbi, n’abazageragezwa mu gihe cy’imyaka igihumbi. Kuko Kristo azaba yambaye umubiri w’ubwiza ari kumwe n’intumwa ze n’abigishwa be, nuko Itorero naryo rizaa ryambaye umubiri w’ubwiza rizabane n’abera bambaye umubiri usanzwe hano mu isi. Kubera umubiri w’ubwiza abagize Itorero bazabasha kugenda aho bashaka mu isanzure ry’ijuru. Iyo izaba ari inshro yanjye ya mbere ntembera mu isanzure ry’ijuru. Kandi nshuti yanjye ibi nabikwizeza ko ari ukuri. Imbaraga zikurura umuntu akaguma ku butaka zizwi nka Gravitation mu ndimi z’amahanga ntabwo zizongera kumbuza kuvana ibirenge byanjye ku butaka.

“Bazaba abatambyi b'Imana” abavugwa hano ni igihugu cya Israeli. Kandi iyi ni yo yari intego nyayo y'Imana kuri Israeli, kuko Ibyanditswe bivuga ngo: “kandi muzambera ubwami bw'abatambyi n'ubwoko bwera.' Ayo abe ari yo magambo ubwira Abisirayeli.” (Kuva 19:6). Aburahamu yari umutambyi mu uryango we. Lewi yari umutambyi mu muryango we, Aroni yabaye umutambyi mukuru mu miryango yose ya Israeli. Ku ngoma y'Imana hano mu isi, igihugu cya Israeli kizaba abatambyi b'Imana.

Mu Ibyanditswe harimo ubuhanuzi bwinshi buvuga ku ngoma y'imyaka igihumbi kurusha ikindi gihe. Iyi ngoma ni yo yari insanganyamatsiko y'abahanuzi bo mu isezerano rya kera. Ntabwo nzi ukundi kuntu wabisobanura. Muri iki gihe twumva bike byerekeranye n'abahanuzi bato. Hari umutuzo cyane, no guceceka bidasanzwe ku nyigisho yose igendanye n'abahanuzi bato, nyamara abo bose bahanuraga ingoma y'imyaka igihumbi, ari bwo bwami bugomba kwima mu isi.

## SATANI ABOHORWA NYUMA Y'IMYAKA IGIHUMBI

**Iyo myaka igihumbi nishira, Satani azabohorwa ave aho yari abohewe.**

**Azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mpfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja.**

**Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa. Umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike, [Ibyahishuwe 20:7–9].**

*Iyo myaka igihumbi nishira, Satani azabohorwa ave aho yari abohewe. Azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mpfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja. Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa. Umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike,*

Nubwo igitabo cy'Ibyahishuwe kivuga ibizaba ku mperuka y'ibihe, cyane cyane ibi bice bya nyuma bike. Aha ni ho tubona kwigomeka kwa nyuma kwa Satani n'umuntu bigomeka ku Mana. Ingoma y'imyaka igihumbi ni igihe cyo kugerageza umuntu apimirwa mu bihe byiza azaba arimo, nk'uko uyu murongo ubyerekana. Igihe Satani azabohorwa, abantu benshi bazaba bimanye ingoma na Kristo mu bihe byiza, bazasanga Satani. Kumenya aho aba bantu benshi bazaba bavuye ni ikibazo gikwiriye kwibazwa. Igisubizo gishingira ku kuba atari abantu benshi

bazinjira mu gihe cy’imyaka igihumbi gusa, ahubwo hari n’ibihumbi by’abantu bazavuka muri icyo gihe cy’imyaka igihumbi (ibyo wabisoma muri Yesaya 11:6; 65:20). Iki kizaba igihe mu isi hazabaho abantu benshi cyane. Indwara zizashira. Kuko umuvumo w’icyaha uzaba wakuwe mu isi, isi izamera cyane kugira ngo ihaze abantu benshi bazaba bayituye. Muri ibi bihe byose, umutima w’umuntu gusa ni wo utazahinduka, kandi abantu benshi bazatera Imana umugongo maze bahindukirire Satani. Ibi biragoye kubyemera, ariko se uyu munsi bimeze bite? Uyu munsi Satani ariho arakora ibisa n’ibi.

Uku kwigomeka kuzakurikira ingoma y’imyaka igihumbi kuzahishura uburyo umutima w’umuntu ari mubi. Yeremiya yaravuze ngo, “Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukira. Ni nde ushobora kuwumenya uko uri?” (Yeremiya 17:9). Wowe nanjye ntidushobora kumenya uburyo ki turi babi. Ntabwo kamere zacu za kera zishobora kumvira Imana. “kuko umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira.” (Abaroma 8:7). Aba bantu bazabaho ubuzima bwiza mu gihe cya Kristo cyo kwima ingoma y’imyaka igihumbi, kandi ntekereza ko aba bantu bazagera aho barambirwe ibihe bazaba barimo. Igihe Kristo azategeka isi, azaba Umunyagitugu—uzaba ushobora kuba mu murongo we cyangwa kutawubamo. Ariko aba bantu batubwira hano, ntibazabasha kuguma mu murongo w’Imana; ni uko rero igihe aba bantu bazaba babonye akanya ko kwigomeka, bazabikora bivuye inyuma. Ibihugu by’isi bizongera kandi kuyoborwa na Satani maze bicure umugambi wo kwigomeka.

Kuko uko kwigomeka kwitwa “Gogi na Magogi,” abanyeshuri benshi ba Bibiliya babyitiranya na Gogi na Magogi bavugwa muri Ezekiyeli 38–39. Nyamara ibi ntibishoboka kuko ibibazo bivugwa hano bidafite aho bihurira haba mu gihe, ahantu cyangwa ababifitemo uruhare—amazina gusa ni yo asa. Urugamba ruzaturuka mu majyaruguru rushojwe na Gogi na Magogi nk’uko byanditswe muri Ezekiyeli 38–39 ruzasozwa n’amahoro y’ikinyoma azazanwa na Antikristo maze bitume Antikristo yerekana ukuboko kwe hagati mu gihe cy’ibyago bikomeye. Uko kwigomeka ku Mana kuzaturuka mu majyaruguru kuzerekana uko umuntu ateye nyuma y’imyaka igihumbi, uko kwigomeka kwa nyuma k’umuntu kuzagira izina risa n’irya—Gogi na Magogi.

Muri iki kinyejana twanyuze mu bihe bisa. Intambara ya mbere y’isi yari mbi cyane ku buryo n’igihe intambara yongeraga kuba mu Burayi, yahuje ibihugu bimwe kandi icyo gihe biba byinshi kurusha ibya mbere, iyo ntambara na yo yitwa intambara ya kabiri y’isi,

icyayitandukanyije n’iya mbere ni umubare kabiri gusa. Dufite rero intambara ya mbere y’isi, intambara ya kabiri y’isi, kandi n’uyu munsi abantu bahora bavuga iby’intambara ya gatatu y’isi ishobora kuba igihe icyo ari cyo cyose.

Nshobora gukoresha ibyabaye ku buzima bwa Dr. Vernon McGee. Mu gihe cye hariho abantu benshi bitwa John mu muryango we kugeza aho mama we yafashe icyemezo cyo kumwita J. Vernon McGee. Inyanjwi “J” ikaba yarihagarariye izina John, ariko McGee avuga ko atigeze na rimwe yitwa John. Nyirarume, ba sogokuru be babiri na se, abo bose bitwaga John. Ni uko rero urumva impamvu yahawe izina rya J. Vernon—kugira ngo atandukane n’abandi bantu benshi. Kuba McGee yari afite izina risa n’iry’abo mu muryango we ntibisobanura ko bose bari umuntu umwe.

Intambara ivugwa muri Ezekiyeli 38–39 ifitanye isano na Gogi na Magogi ba mbere, hanyuma hano mu Ibyahishuwe 20:8 bakatubwiramo Gogi na Magogi ba kabiri. Nubwo amazina ari amwe, intambara ivugwa hano izaba itandukanye, kuko bizaba ari ukwigomeka kwa nyuma kwa Satani. Kuba ibi bihe byombi bisangiye amazina ntibisobanura ko ibyo bihe ari bimwe.

Ku murongo wa 9 hazabaho guturitswa kwa nyuma kwa “bombe atomic.” Interuro ivuga ngo, “uva mu ijuru,” ntabwo mu by’ukuri yanditse neza. Kuko muri make ubusobanuro bw’umurongo twasomye ushaka kwerekana ko imbaraga karemano zarimbuye Gogi na Magogi ba mbere ari nazo zizarimbura Gogi na Magogi ba kabiri.

Uku kwigomeka ku Mana kuzamera nko kwigomeka kwa mbere k’umuntu kwabereye mu itongo rya Eeni. Hano rero ntibizaba ari intangiriro ahubwo bizaba ari iherezo ryo kutumvira Imana kw’umuntu. Kuzaba ari ukwigomeka kwa nyuma kubi. Kugeza aha nta kindi kizaba gisigaye usibye urubanza rwa nyuma.

**Incamake**

Igihe cy’ingoma y’imyaka igihumbi nikiba kigeze ku musozo, Imana izabohora Satani ariko akimara kubohorwa imbaga y’abantu benshi bazongera bave ku Mana bakurikire Satani. Ibi nta kindi bizazana atari urubanza rwa nyuma Imana izacira isi.

**Isengesho**

*Ndagushimiye Mana ko nta kintu na kimwe kibaho utakibwiye ubwoko bwawe. Ugirire neza uwanteze amatwi akomeze kwirinda kugira ngo agume mu byasezeranijwe, utarakwizera nawe iki kibe igihe cye cyo kubikora, mbisenze mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, amen!*

Urakoze gutega amatwi ikiganiro cy'uyu munsi, ubutaha ningaruka nzakubwira uko Satani azabohorwa nyuma y'ingoma y'imyaka igihumbi maze we n'abatizera bose bacirwa urubanza.

Zirikana aya magambo Umwami yavuze, agira ati; "dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo"